

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/16.01 RYO KU WA 16/03/2009 RIHINDURA ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/16/00 RYO KUWA 19/09/2001 RIHINDURA IBICIRO BY'UBUKODE N'IGURISHWA BY'UBUTAKA BWA LETA

MINISTERIAL ORDER N° 001/16.01 OF 16/03/2009 MODIFYING MINISTERIAL ORDER N° 01/16/00 OF 19/09/2001 MODIFYING RATES FOR RENTING AND SELLING STATE OWNED LAND

ARRETE MINISTERIEL N° 001/16.01 DU 16/03/2009 PORTANT MODIFICATION DE L'ARRETE N° 01/16/00 DU 19/09/2001 MODIFIANT LE TAUX DE DIVERSES REDEVANCES DOMANIALES ET TARIFS DES PRIX DE LOCATION ET DE VENTE DES TERRES DOMANIALES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Ibyerekeye amafaranga atangwa ku mirimo y'ubutegetsi yerekeye ubutaka

Article One: Rate of administrative fees to be paid in land matters

Article premier: Tarif des frais administratifs à percevoir en matière foncière

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 2: Repealing of inconsistent provisions

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 001/16.01 RYO KU WA 16/03/2009 RIHINDURA ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/16/00 RYO KUWA 19/09/2001 RIHINDURA IBICIRO BY'UBUKODE N'IGURISHWA BY'UBUTAKA BWA LETA

MINISTERIAL ORDER N° 001/16.01 OF 16/03/2009 MODIFYING MINISTERIAL ORDER N° 01/16/00 OF 19/09/2001 MODIFYING RATES FOR RENTING AND SELLING STATE OWNED LAND

ARRETE MINISTERIEL N° 001/16.01 DU 16/03/2009 PORTANT MODIFICATION DE L'ARRETE N° 01/16/00 DU 19/09/2001 MODIFIANT LE TAUX DE DIVERSES REDEVANCES DOMANIALES ET TARIFS DES PRIX DE LOCATION ET DE VENTE DES TERRES DOMANIALES

Minisitiri w'Umutungo Kamere;

The Minister of Natural Resources;

Le Ministre des Ressources Naturelles ;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 120, iya 121 n'ya 201 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 08/2005 ryo kuwa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda;

Pursuant to Organic Law n° 08/2005 of 14/07/2005 determining the use and management of land in Rwanda;

Vu la Loi Organique n° 08/2005 du 14/07/2005 portant régime foncier au Rwanda ;

Ashingiye ku Itegeko n° 17/2002 ryo ku wa 10/05/2002 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'Uturere n'Imijyi kandi rigena imikoreshereze yabyo nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 2, iya 6 n'ya 63 ;

Pursuant to Law n° 17/2002 of 10/05/2002 establishing Districts' and towns' sources of Finances and property and their management as modified and complemented to date, especially in Articles 2, 6 and 63;

Vu la loi n° 17/2002 du 10/05/2002 portant finances des Districts et Villes et régissant leur utilisation telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en ses articles 2, 6 et 63 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 53/01 ryo ku wa 12/10/2006 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'Urwego rw'Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka;

Pursuant to the Presidential Order n° 53/01 of 12/10/2006 determining the Structure, Powers and Functions of the Office of the Registrar of Land Titles;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 53/01 du 12/10/2006 portant structure, compétence et fonctionnement du Service du Conservateur des Titres Fonciers;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 01/16/00 ryo ku wa 19/09/2001 rihindura ibiciro by'ubukode n'igurishwa by'ubutaka bwa Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 15;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 16 Mata 2008 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

Ingingo ya mbere : Ibyerekeye amafaranga atangwa ku mirimo y'ubutegetsi yerekeye ubutaka

Ingingo ya 15 y'Iteka rya Minisitiri n° 01/16/00 ryo kuwa 19/09/2001 rihindura ibiciro by'ubukode n'igurishwa by'ubutaka bwa Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujwe kugeza ubu, ihinduwe kandi yujwe mu buryo bukurikira:

“Amafanga atangwa ku mirimo y'ubutegetsi yerekeye ubutaka ashizweho ku buryo bukurikira:

- 1° Ku masezerano, ihindurwa ryayo cyangwa icyemezo bitarenga impapuro ebyiri z'inyandiko zitariho ibishushanyo: amafaranga y'amanyarwanda atari muni y'igihumbi magana atanu (1.500 Frw) kandi atarenga ibihumbi bitatu (3.000 Frw);
- 2° Ku masezerano ayo ariyo yose, ihindurwa ryayo cyangwa icyemezo riri ku mpapuro ebyiri z'inyandiko ziriho ibishushanyo: amafaranga y'amanyarwanda atari muni y'ibihumbi bibiri

Reviewed the Ministerial Order n° 01/16/00 of 19/09/2001 modifying rates for renting and selling State owned land as modified and complemented to date, especially in Article 15;

After examination and adoption by the Cabinet in its session of 16 April 2008;

HEREBY ORDERS:

Article One: Rate of administrative fees to be paid in land matters

Article 15 of the Ministerial Order n° 01/16/00 of 19/09/2001 modifying rates for renting and selling state owned land as modified and complemented to date, is modified and complemented as follows:

“ The rate for administrative fees to be collected as far as lands are concerned is hereby fixed as follows:

- 1° For any contract, codicil or deed with a text of two pages at most, without a sketch: a minimum of one thousand five hundred Rwandan francs (1.500 Rwf) but not exceeding three thousand (3.000 Rwf);
- 2° For any contract, codicil or deed with a text of two pages at most, with a sketch: a minimum of two thousand Rwandan francs (2.000 Rwf) but not exceeding four thousand (4.000 Rwf);

Revu l'Arrêté Ministériel n° 01/16/00 du 19/09/2001 modifiant le taux de diverses redevances domaniales et tarifs des prix de location et de vente des terres domaniales, tel que modifié et complété à ce jour, spécialement en son article 15 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 16 avril 2008 ;

ARRETE :

Article premier: Tarif des frais administratifs à percevoir en matière foncière

L'article 15 de l'Arrêté Ministériel n° 01/16/00 du 19/09/2001 modifiant le taux de diverses redevances domaniales et tarifs des prix de location et de vente des terres domaniales tel que modifié et complété à ce jour, est modifié et complété comme suit :

« Le tarif des frais administratifs à percevoir en matière foncière est arrêté comme suit :

- 1° Pour un contrat, avenant ou acte comportant au maximum deux pages de textes, sans croquis : un montant minimum de mille cinq cents francs rwandais (1.500 Frw) mais ne dépassant pas trois mille (3.000 Frw) ;
- 2° Pour tout contrat, avenant ou acte comportant au maximum deux pages de texte, avec croquis, un montant minimum de deux mille francs rwandais (2.000 Frw), mais ne dépassant pas

- | | | |
|---|--|--|
| <p>(2.000 Frw) kandi atarenga ibihumbi bine (4.000 Frw);</p> | | <p>quatre mille (4.000 Frw) ;</p> |
| <p>3° Ku masezerano ayo ariyo yose, ihindurwa ryayo cyangwa icyemezo biri ku mpapuro zirenga ebyiri z'inyandiko ziriho cyangwa zitariho ibishushanyo: amafaranga y'amanyarwanda atari muni y'ibihumbi bitatu (3.000 Frw) kandi atarenga ibihumbi bitandatu (6.000 Frw);</p> | <p>3° For any contract, codicil or deed with a text of more than two pages, with or without a sketch: a minimum of three thousand Rwandan francs (3.000 Rwf), but not exceeding six thousand (6.000 Rwf);</p> | <p>3° Pour tout contrat, avenant ou acte comportant plus de deux pages de texte, avec ou sans croquis : un montant minimum de trois mille francs rwandais (3.000 Frw), mais ne dépassant pas six mille (6.000 Frw) ;</p> |
| <p>4° Ku nyandiko iyo ariyo yose isobanura, iriho igishushanyo, amafaranga y'amanyarwanda atari muni y'igihumbi na magana atanu (1.500 Frw) kandi atarenga ibihumbi bitatu (3.000 Frw);</p> | <p>4° For any annotation with a sketch: a minimum of one thousand five hundred Rwandan francs (1500 Rwf), but not exceeding three thousand (3.000 Rwf);</p> | <p>4° Pour toute annotation comportant un croquis : un montant minimum de mille cinq cents francs rwandais (1.500 Frw), mais ne dépassant pas trois mille (3.000 Frw) ;</p> |
| <p>5° Guhinduza izina ku mutungo uko byaba bimeze kose, byaba birikorewe mu Karere no mu nzego z'ibanze, byaba bikorewe ku Rwego rw'Umubitsi w'Impapurompamo z'ubutaka: amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw);</p> | <p>5° In case of property transfer of any kind, whether conducted through the District and lower administrative organs, whether through the Office of the Registrar of Land Titles: a flat fee of twenty thousand Rwandan francs (20.000 Rwf);</p> | <p>5° Dans le cas d'un transfert ou une mutation immobilière quelle que soit sa forme, qu'il soit opéré au niveau du District et des instances de base, qu'il soit opéré par l'office du Conservateur des Titres Fonciers : un montant forfaitaire de vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) ;</p> |
| <p>6° Guhanagura, kwandika, kuvugurura cyangwa kwimura ubugwate: amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw) kuri buri murimo;</p> | <p>6° Withdrawal, registration, renewal or transfer of a mortgage: a flat fee of twenty thousand Rwandan francs (20.000 Rwf) for each service offered;</p> | <p>6° Pour la radiation, l'inscription, le renouvellement ou le transfert d'une hypothèque : un montant forfaitaire de vingt mille francs rwandais (20.000 Frw) pour chaque service offert;</p> |
| <p>7° Guhabwa impapurompamo z'ubutaka: amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi bibiri (2.000 Frw);</p> | <p>7° For issuing a registration certificate: two thousand Rwandan francs (2.000 Rwf);</p> | <p>7° Pour l'octroi du certificat d'enregistrement : deux mille francs rwandais (2.000 Frw) ;</p> |
| <p>8° Gusiba urupapurompamo: amafaranga</p> | <p>8° For cancellation of a registration certificate: one</p> | <p>8° Pour l'annulation d'un certificat</p> |

<p>y'amanyarwanda igihumbi (1.000 Frw);</p> <p>9° Kwandika urupapuwompamo rushya rusimbura urwongwe cyangwa urwatakaye: amafaranga y'amanyarwanda ibihumbi bine (4.000 Frw).</p>	<p>thousand Rwandan francs (1.000 Rwf);</p> <p>9° For issuing a new registration certificate in replacement of a destroyed or lost certificate: four thousand Rwandan francs (4.000 Rwf).</p>	<p>d'enregistrement : mille francs rwandais (1.000 Frw) ;</p> <p>9° Pour l'établissement d'un nouveau certificat d'enregistrement en remplacement d'un certificat détruit ou perdu : quatre mille francs rwandais (4.000 Frw).</p>
<p>Amafaranga atangwa mu gihe cyo guhinduza izina ku mutungo biturutse ku buguzi atangwa n'ugurisha, iyo bivuye ku izungura atangwa n'uzungura, iyo bivuye ku guteza cyamunara atangwa n'uguze.</p>	<p>Administrative fee due upon transfer following a sale is paid by the seller, following an inheritance are paid by the heir, and following an auction is paid by the successful bidder.</p>	<p>Les frais administratifs dus à la suite d'un transfert par vente sont payés par le vendeur, ceux dus à la suite d'un transfert par héritage par l'héritier et ceux dus en vertu d'une vente aux enchères par l'adjudicataire.</p>
<p>Amafaranga ajyanye n'imirimo ikorerwa ku Karere cyangwa mu nzego z'ibanze arihwa mu isanduku y'Akarere iyo mirimo itangiweho, naho ajyanye n'imirimo ikorerwa ku Rwego rw'Umubitsi w'Imapuwompamo z'Ubutaka arihwa mu Isanduku ya Leta.</p>	<p>Administrative fee due to services offered by the District or lower administrative organs is collected by the District, the one due to services offered by the Office of the Registrar of Land Titles are paid to the Public Treasury.</p>	<p>Les frais administratifs dus pour les services rendus par le District ou les instances de base sont perçus par le District, et ceux dus pour les services rendus par l'Office du Conservateur des Titres Fonciers perçus par le Trésor Public.</p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p>	<p><u>Article 2: Repealing of inconsistent provisions</u></p>	<p><u>Article 2: Disposition abrogatoire</u></p>
<p>Ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p>All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.</p>	<p>Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa</u></p>	<p><u>Article 3: Commencement</u></p>	<p><u>Article 3: Entrée en vigueur</u></p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera tariki ya 16/04/2008.</p>	<p>This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 16/04/2008.</p>	<p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 16/04/2008.</p>
<p>Kigali, kuwa 16/03/2009</p>	<p>Kigali, on 16/03/2009</p>	<p>Kigali, le 16/03/2009</p>

Minisitiri w'Umutungo Kamere
KAMANZI Stanislas
(sé)

The Minister of Natural Resources
KAMANZI Stanislas
(sé)

Le Ministre des Ressources Naturelles
KAMANZI Stanislas
(sé)

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika :**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

The Minister of Justice/Attorney General

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)